Ministère de la famille et de la Promotion de la femme

Rapport

29/12/1995

4 Pe 1 da

MINISTERE DE LA FAMILLE ET
DE LA PROMOTION DE LA FEMME
KIGALI

Kigali, le 29 décembre 1995.

Ref: 782/20.01.96

Kuli Banyakubahwa :
- Ministiri w'Amashuli Makuru
- Ministiri w'Amashuli Abanza n'Ayisumbuye
- Ministiri w'Ubuzima
- Ministiri w'Urubyiruko n'Amashyirahamwe
- Ministiri w'Umurimo n'imibereho myiza y'Abaturge
- Ministiri yo Gucyura Impunzi no Gusana Ibyangiritse

Banyakubahwa,

Nejejwe nokubagezaho raporo y'inama twagiranye kuli 12/12/1995.

Mbifurije amahoro.

Aloysia INYUMBA

Ministri.

FAX: 77543 / 77626

ICYEGERANYO CY'INAMA YAHUJE ABAMINISITIRI BAREBANA N'IBIBAZO BYIMIBEREHO Y'ABATURAGE.

**- Abari bari mu nama:**

- Madamazela INYUMBA ALOYIZIYA
- Dr YAKOBO BIHOZAGA
- Dr NSENGIMANA JOSEPH
- Dr Colonel KAREMERA JOSEPH
- Maitre PIE MUGABO
- Bwana NGIRABANZI LAURIEN
- Madamazela Edith Gasana
- Bwana MURARA JUSTIN

**-Icyari cyigenderewe:**

- Kwigira hamwe imikorere y'aza minisiteri zirebana n'imibereho myiza y'abaturage.

**- Ibyavuzwe :**

Minisitiri Inyumba yatangije saa tatu na nusu ashimira abayitabye, agaragaza igikorwa cyari cyakozwe n'impuguke zayo ma minisitieri zari zahuye ku bibazo byavutse mu mikoranire yazo.Ibyagaragaye n'ibi bikurikira :

- Politiki zigenga minisiteri ( Politique sectorielle) imwe ukwayo ntizanditse neza bigatuma n'inshingano zazo zidasobanuka . Nkeya nizifite gahunda y'imishinga igaragara
- Nta politiki rusangi izihuza ikongera ikagaragaza imirimo ya buri minisiteri .Ibyo bituma haba igongana mu mirimo ya buri munsi.
- 
- Amafaranga azakoreshwa na buri minisisteri aciye muri table ronde ntabwo azwi

Mu magambo yavuzwe hagaragaye ko kugabana imirimo byari byarakozwe hagati ya za minisiteri ahubwo ko gukurikirana imirimo nibyo byabuze. Abari muri iyo nama bagaragaje ko buri Minisiteri ifite inshingano yihariye muri rusange n' ibibazo by' umwihariko buri minisiteri ikurikirana.

Igongana riterwa ahaninini no kutagira ubumenyi n'ubushobozi buhagije muri minisiteri no gutegura imishinga igaragara. Ibyo bituma lero imirimo imwe za minisiteri zihurira ho haba mwo kugongana.
Ibibazo biri cyane cyane mu mirimo irebana n'impfubyi,amashyirahamwe , ubwiyunge

bw'abanyarwanda n' ihahamuka.

Kubera ko dukorera mu bihe bidasanzwe , Inama yasanze ko Minisiteri zihurira kubibazo zikwiye gushyira ho utunama (task Force ) two gukurikirana imirimo, za gahunda zigakorerwa hamwe n'impuguke z'abakozi bo muri izo minisiteri bamaze kubyumvikana ho.
Icyihutirwa ni ugushyira imishinga rusange yerekana uruhare rwa buri minisiteri hakajya ho na minisiteri yo gukurikiirana imirimo ( ministère de coordination).

Nyuma yaho hemejwe ibi bikurikira:

- - Ibibazo by'abasizwe iheruheru na itsembatsemba na intambara (Vulnérables Groups) bizahuzwa na MINITRASO. Porogaramu zizakorwa zizisunga ibitekerezo byavuye mu nama mpuzamahanga yize ikibazo cy'itsembabwoko n'itsembatsemba cyane cyane ku kibazo cy'impfyubyi.

- Ibibazo byo abahahamutse (Trauma recovery) bizakurikiranwa na MINISANTE. Ihahamuka riikwiye kwigwa nka ikibazo cy'ubuzima.

- Ibibazo by'ubwiyunge bw'abanyarwanda bizakurikiranwa na MINISUPRES

- Ibibazo by'amashyirahamwe bizakurikiranwa na MIJEUMA .
- Inama yasanze ko Impuzamashyirahamwe ari izo nkenerwa, kandi amafaranga akoreshwa n'amashyirahamwe yacungwa neza n'abagize amashyirahamwe bishingiye ku imishinga igaragara.

Minisitiri w' amashule abanza na Minisitiri w'ubuzima bagaragaje impungenge baterwa na porogaramu zikorwa mu mashuli y'abaganga n'uko ayo mashule afungurwa hadakurikijwe Gahunda yábakozi bakenewe.Inama yasabye ko izo minisisteri zahura ngo zigire hamwe uko zakurikiranira hafi icyo kibazo. Minisitri NSENGIMANA JOSEPH yasabwe kuba umuhuza w'iyo nama ikazaba kuri 19 Ukuboza 1995.

Iyo nama yongeye isaba Edith GASANA gukora raporo y'amafaranga izo minisiteri zifite nasigaye akazamenyeshwa..
Inama yarangiye saa tanu n'igice.

UMWANDITSI.

MURARA JUSTIN

BIRAJYA kwa: Nyakubahwa Minisitiri Inyumba A.
BIRAVA kwa : Murara justin

Ikigenderewe : Raporo y'inama yo ku wa 18 Ukuboza.

Mbohereje iyi raporo ngo murebe ko ibyo twavuze biri mwo, nyuma nshobore kuyishyira ahabona. Ntegereje ibitekerezo muza kugenza ho.

Murakoze.

Justin Murara